AMASEZERANO Y'ITANGWA RY'AKAZI K'UBUZAMU K'IGIHE GITO

Hagati y'uruganda rutunga umusaruro wa kawa rwa .....nk'umukoresha, kuruhande rumwe ndetse na....., ufite irangamuntu No : ....., na telefone No ....., nk'umukozi kurundi ruhande, bemeranyijwe ibi bikurikira :

Aya n'amasezerano y'umurimo y'igihe gito, azatangira gukurikizwa igihe azaba yashyiriweho umukono n'impande zombi. Afite agaciro mugihe kingana n'amezi abiri n'igice (2.5).

1. Ingingo z'ibanze

Umukoresha yiyemeje gutanga akazi k'umwanya w'umurinzi (umuzamu) w'ububiko (stock) by'ifumbire ndetse n'imiti by'abahinzi ba kawa babarirwa kuri site ya.....ihereye mu karere ka.....umurenge wa....., ifumbire n'imiti bizaterwa n'abahinzi ba kawa mu gihembwe cy'ihinga cya 2023A.

Umukozi azakurikiza amabwiriza ahawe n'ubuyobozi bw'uruganda ndetse n'umurenge kugirango acunge neza umutekano w'ububiko bwa site bwaho ifumbire n'imiti bibitswe mbere ndetse no mugihe cy'iterwa ryabyo muri iki gihembwe cy'ihinga cya 2023A.

2. Inshingano z'umukozi

Umukozi kugirango abashe gucunga umutekano w'ububiko bwa site agomba kubahiriza ishingano zikurikira.

- Kumenya ingano y'ifumbire n'imiti biri mu bubiko bwa site.
- Ntabwo agomba kugira uwo afungurira ububiko bwa site adafite uruhushya rwatanzwe n'ubuyobozi bw'uruganda ndetse n'umurenge.
- Kuzenguruka no gucunga imbago za site kugirango yizereko zicungiwe umutekano uko bikwiye ko ntawabasha kuba yahakorera ubujura, hagomba kuba hatekanye.
- Gutanga raporo ya buri munsi, ikubiyemo ibikorwa byose byakorewe kuri site ashinzwe gucungira *umutekano akayigeza ku buyobozi bw'uruganda ndetse n'ubuyobozi bw'umurenge.*
- Gufunga kandi neza imiryango ndetse n'amadirishya by'ububiko bwa site muburyo bwo kwirinda ubujura ubwo aribwo bwose ndetse no kumenyako ntabikorwa byahungabanya umutekano hafi ya site.
- Kuba yakora ikindi cyose yasabwa n'ubuyobozi bw'uruganda ndetse n'umurenge gifite aho gihuriye n'igikorwa cyo gutanga ifumbire ndetse n'imiti muri iki gihembwe cy'ihinga cya 2023A.
- Mugihe ifumbire cyangwa imiti byakwibwa bivuye ku burangare, umuzamu yakwirengera ingaruka.

3. Inshingano z'umukoresha

- Kwishyura amafaranga y'Urwanda ibihumbi mirongo itanu (50,000) buri kwezi, habariwemo 15% y'umusoro, mugihe cy'amezi abiri n'igice (2.5).
- Gushaka umuzamu hakiri kare mbere yuko ifumbire n'imiti bigera kuri site.
- Gukurikirana imikorere y'umukozi umunsi ku wundi kugeza akazi karangiye.
- Amafaranga yashyizwe kuri konti y'uruganda kugirango ahembwe abazamu, uruganda rugomba kugaragaza raporo y'uburyo yishyuwe abazamu.
- Gukurikirana ko umuzamu arinda neza, kandi igihe hagize ifumbire cyangwa imiti biburira muri stock uruganda rukurikirana uwo muzamu rugomba kubyishyura hakurikije ibiciro biriho.

3. Umushahara agenewe

Umukozi azajya ahembwa buri kwezi, amafaranga y'u Rwanda angana n'ibihumbi mirongo itanu (50,000 Frw) habariwemo n'umusoro wa 15%.

Umushahara we ushobora kunyuzwa kuri konti, kuri telefone cyangwa muntoki, cyakora igihe umushahara unyujijwe mu ntoki, uruganda rugomba kugaragaza aho yasinye.

4. Igihe amasezerano azamara

Aya masezerano afite agaciro kuva igihe ashyiriweho umukono n'impande zombi zirebwa nayo(umukoresha&umukozi), kandi afite agaciro mugihe cy'amezi abiri n'igice (2.5). Umuzamu akazatangira akazi igihe ifumbire n'imiti bizaba bitangiye kugezwa kuri site.

5. Ubukemurampaka

- Umukozi agomba kwirinda ikintu cyose cyatuma agirana ikibazo n'umukoresha giturutse mukubangamira stock y'ububiko bw'ifumbire n'imiti.
- Igihe habaye ikibazo gikemurwa mu bwumvikane, byakanga hakiyambazwa inzego zibifitiye uburenganzira
- Mu kitaba cyavuzwe muri aya masezerano cyangwa icyavuzwe cyavukamo kutumvikana icyo gihe hakwiyambazwa inzego zibifiteye ububasha.

Mugusinya aya masezerano, impande zombi zemeranyijwe kugingo zose ziyakubiyemo.

Amazina y'umukozi	Umukono w'umukozi	Itariki
Amazina y'umukoresha	Umukono w'umukoresha	Itariki